



Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri y'Ubuzima

IBISABWA UMUNTU WESE WINJIRA MU RWANDA AGASHYIRWA MU KATO HANZE YA KIGALI

Murakaza neza mu Rwanda. Twizeye ko mumeze neza kandi turabashimira imikoranire myiza mukomeje kugaragaza.

Dushingiye ku byemezo biherutse gufatwa na Guverinoma bigamije kwirinda ikwirakwira rya COVID-19, dore ibigomba kubahirizwa iyo umuntu yinjiye mu Rwanda avuye mu mahanga:

Abantu bose bageze mu Rwanda bavuye mu mahanga bagomba gupimwa bakigera ku mupaka. Iyo basanze yaranduye, bamujyana kuvurirwa mu kigo kivura COVID-19.

- Abantu bose basanze bataranduye bagomba kujya mu kato k'iminsi 7 ahabugenewe hanyuma ku munsi wa 5 ari mu kato akongera gupimwa; basanga ataranduye, bakamusezerera ku munsi wa 7. Iyo ageze mu rugo akomeza kuba mu kato mu gihe cy'indi minsi 7 akurikiranwa n'abakozi b'lkigo gishinzwe Ubuzima mu Rwanda (RBC)
- Abari mu kato bagomba kwiyishyurira ibyo bazakenera mu gihe cy'akato birimo icumbi, amafunguro n'izindi serivisi bahabwa mu gihe cy'iminsi 7 uhoreye igithe bahagereye.

Hateganyijwe ahantu hakurikira ho kwakirira abagiye mu kato mu Turere two hanze ya Kigali:

| Akarere | Ahakirirwa abari mu kato | Ubwishyu | Iby'umuntu ahabwa | Aho wabaza |
|-----------------------|-------------------------------------------|------------|---------------------------|--------------------------------------------------------------------|
| Rusizi | Rubavu Motel | Frw 18.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788532211 |
| | Vive Hill Hotel & Appartment | Frw 20.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788309335 |
| Rubavu | Western Mountain Hotel | Frw 40.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788307208 |
| | Fanad Hotel | Frw 15.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788510763 |
| Nyagatare (Kagıtumba) | Diplomat Hotel Nyagatare | Frw 30.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788503965 |
| | Akagera resort and country club (Gatsibo) | Frw 20.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788640008 |
| Kayonza | Silent Hill Hotel | Frw 23.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788308103 |
| Muhanga | Kabgayi school (Lumina Hotel) | Frw 9.000 | Icumbi, amafunguro, isuku | 0788866927 |
| Mu turere twose | Ibigo by'amashuri | Frw 2.500 | Icumbi, amafunguro, isuku | Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage |

ICYITONDERWA

Buri wese arasabwa kubahiriza ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19 zashyizweho na Minisiteri y'Ubuzima cyane cyane gukaraba intoki, kwambara agapfukamunwa igithe cyose uvuye mu rugo, guhana intera nibura ya metero imwe hagati y'umuntu n'undi. Ukeneye ibindi bisobanuro ku bijyanye na COVID-19, wasura urubuga www.rbc.gov.rw